URWEGO RWASHYIRIWEHO KURANGIZA IMIRIMO Y'INKIKO MPANABYAHA MPUZAMAHANGA (MICT)

Urubanza N° MICT-12-25
MICT-12-20

Tariki ya : 20 Kamena 2014

Umwimerere : Icyongereza

GEREFIYE

URUBANZA RWA JEAN BOSCO UWINKINDI N'URWA BERNARD MUNYAGISHARI

## ICYEMEZO GISHYIRAHO UMUGENZUZI

Gerefiye w'Urwego Rwashyiriweho Kurangiza Imirimo y'Inkiko Mpanabyaha Mpuzamahanga (MICT),

Amaze kubona ko ari ngombwa ko hagomba buri gihe kuba hari abagenzuzi mu manza zoherejwe muri Repuburika y'u Rwanda hashingiwe ku Ngingo ya 11 *bis* y'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso y'Urukiko Mpanabyaha Mpuzamahanga Rwashyiriweho u Rwanda,

Ashingiye ku gika cya 5 cy'Ingingo ya 6 ya Sitati ya MICT n'Ingingo ya 14 y'Amategeko ya MICT Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso,

**Received by the Registry**
**Mechanism for International Criminal Tribunals**
**04/07/2014 14:26**

Akurikije Amasezerano y'ubwumvikane hagati ya MICT na *International Senior Lawyers-Europe* (ISLP mu magambo ahinnye y'icyongereza) arebana n'imanza zoherejwe muri Repuburika y'u Rwanda, yasinywe ku itariki ya 27 Werurwe 2014 (« Amasezerano y'ubwumvikane »),

Amaze kandi kubivuganaho na Perezida wa MICT,

Ashyizeho Porofeseri Zbigniew Lasocik nk'umugenzuzi mu rubanza rwa Jean Uwinkindi no mu rwa Bernard Munyagishari muri Repuburika y'u Rwanda, mu rwego rw'ibiteganywa mu Masezerano y'ubwumvikane, ibyo bigatangira kubahirizwa kuva ku itariki iri tegeko rishyiriweho umukono.

Bikorewe i La Haye ku itariki ya 29 Kamena 2014 mu rurimi rw'icyongereza.

Gerefiye John Hocking (Umukono)

(Kashe ya MICT)

-----